# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

NZERI 2025

## ABASENATERI BAKOZE UBUGENZUZI KU RUHARE RW'IHAME RY'UBURINGANIRE BW'ABAGORE N'ABAGABO MU GUTEZA IMBERE UMURYANGO NYARWANDA MU KARERE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 7

## MINISITIRI W'UBUZIMA, DR. NSANZIMANA YASHIMYE UKO IBITARO BY'AKARERE BYA KADUHA BYAKIRA ABABIGANA



SOMA PAJI YA 5

## GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJEPFO MADAME KAYITESI YATANGIRIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2026A MU MURENGE WA KITABI





SOMA PAJI YA 10

## LODA YASUYE IMISHINGA ITERWA INKUNGA BINYUZE MU KIGEGA PRO- POOR DEVELOPMENT BASKET FUND

# ABASENATERI BAKOZE UBUGENZUZI KU RUHARE RW'IHAME RY'UBURINGANIRE BW'ABAGORE N'ABAGABO MU GUTEZA IMBERE UMURYANGO NYARWANDA MU KARERE



***Abasenateri bagenzuye uruhare rw'ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo mu guteza imbere umuryango nyarwanda***

Ku wa 24 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Abayobozi b'Akarere Bungirije, yakiriye Senateri BIDERI John Bonds na Senateri MUKAKARANGWA Clotilde bo muri Komisiyo ya Sena ya Politiki y'Imiyoborere.

Bagiranye ibiganiro n'ubuyobozi bw'Akarere hamwe n'abahagarariye ibyiciro binyuranye mu Karere byibanze ku byavuye mu bugenzuzi bakoreye mu Murenge wa Musebeya ku ruhare rw'ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo mu guteza imbere umuryango nyarwanda.

Ku wa 23 Nzeri 2025, ni bwo Senateri BIDERI na Senateri MUKAKARANGWA baherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA basuye Umurenge wa Musebeya. mu rwego rwo kugenzura uko ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo rigira uruhare mu guteza imbere umuryango nyarwanda.

Nyuma yo kuganira n'ibyiciro byihariye byo muri uyu Murenge, basuye itsinda ry'abagabo 5 n'abagore 24 bakora umwuga w'ubudozi bw'imyenda.

Abagize iri tsinda babasobanurira uko uyu mwuga uri kubafasha guteza imbere imiryango yabo.

Nyuma bagiranye ibiganiro n'abaturage b'Akagari ka Kagano binyuze mu Nteko y'Abaturage.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Abasenateri bafatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Umurenge gukemura ibibazo by'abaturage.



***Senateri BIDERI wari uyoboye itsinda ryakoze ubugenzuzi ku ruhare rw'ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo mu guteza imbere umuryango nyarwanda***



***Senateri BIDERI na Senateri MUKAKARANGWA mu Nteko y'Abaturage i Musebeya***

## MU KARERE HABAYE UBUKANGURAMBAGA KURI MUSA, ISUKU N'ISUKURA NO KWIRINDA INDWARA YA TAENIA



***Meya NIYOMWUNGERI yakiriye abafatanyabikorwa b'Akarere mu isuku n'isukura***

Ku wa 02 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda ryaturutse muri University of Global Health Equity, muri Veterinary Without Borders, ishami rya CANADA no muri Water Aid Rwanda ryari rigizwe n'abarimo Bwana Malcolm Rainers, Madamu Jeu Holing na Madamu Tanja Kisslinger.

Bagiranye ibiganiro byibanze ku bikorwa by'Umushinga One Health (Ubuzima Bukomatanyije) uteza imbere ubuzima bw'abantu, ubw'amatungo, kurengera ibidukikije no gukora ubushakashatsi bwo gukumira indwara ya Taenia mu Mirenge ya Cyanika, Tare na Kibumbwe uterwa inkunga ukanashyirwa mu bikorwa n'aba bafatanyabikorwa batandukanye.

Ku wa 04 Nzeri 2025, ku bufatanye n'Akarere n'aba bafatanyabikorwa, mu Murenge wa Cyanika habereye ubukangurambaga ku isuku n'isukura hagamijwe kurwanya inzoka ya Taenia.

Muri ubu bukanguramabaga kandi abaturage bashishikarijwe gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza (MUSA) no gukumira inda zitateganyijwe mu bangavu.



***Mu Murenge wa Cyanika habereye ubukangurambaga ku kwita ku isuku n'isukura***

Ubu bukangurambaga bwabaye binyuze mu mukino w'umupira w'amaguru wahuje ikipe y'abagore y'Umurenge wa Cyanika n'uwa Tare. Umukino warangiye ikipe y'Umurenge wa Cyanika itsinze iy'uwa Tare ibitego 2 kuri 0.



***Ubukangurambaga bwabaye binyuze mu mukino w'umupira w'amaguru wahuje ikipe y'abagore y'Umurenge wa Cyanika n'iy'uwa Tare***

# ABAFITE AHO BAHURIRA N'UBUHINZI MU KARERE BASABWE GUSHYIRA IMBARAGA MURI GAHUNDA YA FOBASI



***Visi Meya HABIMANA yayoboye inama ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya FoBaSi mu Karere***

Ku wa 01 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël yayoboye inama yize ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yaguye yo guhuza ubutaka buri ku buso buto izwi nka "Food Basket Sites: FoBaSi" igamije kongera umusaruro w'ubuhinzi.

Iyi nama yitabiriwe n'abafite aho bahurira n'ubuhinzi mu Karere.

Visi Meya HABIMANA yabasabye gutegura neza ubutaka.

Ati: "Murasabwa gufasha abahinzi gutegura neza ubutaka kugira ngo ihinga nirigera bazahite batera imbuto."

Yabasabye abakozi bashinzwe Ubuhinzi mu Mirenge gufasha abahinzi kubona abahinzi inyongeramusaruro no kuyikoresha neza kugira ngo iyi gahunda ya FoBaSi izashyirwe mu bikorwa neza.

FoBaSi ni gahunda ya Leta igamije guteza imbere ahantu hava umusaruro mwinshi, abahakorera ubuhinzi bakubakirwa ubushobozi mu buryo bw'ubumenyi n'amafaranga, bagahabwa inyongeramusaruro hakiri kare n'ibindi bifasha guteza imbere ubuhinzi.

Iyi gahunda iteganyijwe gutangira muri iki gihembwe cy'ihinga 2026A, cyatangiye muri uku kwezi kwa Nzeri 2025.

Muri iyi nama kandi haganiriwe kuri gahunda yo gutera ibiti bivangwa n'imyaka mu rwego rwo kurinda ko ubutaka butwarwa n'isuri.



***Visi Meya HABIMANA yasabye abitabiriye inama ya FoBaSI gufasha abahinzi gutegura imirima hakiri kare kugira ngo imvura izagwe bahita batera***

## GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJEPFO MADAME KAYITESI YATANGIRIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2026A MU MURENGE WA KITABI



*Guverineri KAYITESI yatangirije igihembwe cy'ihinga 2026A mu Murenge wa Kitabi*

Ku wa 18 Nzeri 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abahagarariye Inzego z'Umutekano, yatangirije igihembwe cy'ihinga 2026A mu Murenge wa Kitabi.

Bateye imbuto y'ibigori kuri site ya Uwurunazi ibarizwa mu Kagari ka Mukungu ifite ubuso bwa hegitari 10.

Guverineri KAYITESI yasabye abaturage ba Kitabi kwihutira guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi kugira ngo haboneke ibiryo bihagije.

Yaragize ati: "Baturage ba Kitabi, murasabwa guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi kugira ngo haboneke ibiryo byinshi, twihaze mu biribwa ndetse dusagurire n'amasoko."

Yabasabye kandi gukoresha imbuto z'indobanure hamwe n'inyongeramusaruro mu rwego rwo kongera umusaruro.



*Guverineri KAYITESI yasabye abaturage ba Kitabi guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi no gukoresha inyongeramusaruro mu rwego rwo kwihaza mu biribwa*

# ABITWAYE NEZA MU BUKANGURAMBAGA BWA EJOHEZA MU MWAKA WA 2024-2025 BARASHIMIWE



***Meya NIYOMWUNGERI ashimira abitwaye neza mu bukangurambaga bwa EjoHeza mu mwaka wa 2024-2025***

Ku wa 01 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Abayobozi b'Akarere Bungirije, yayoboye inama yarebeye hamwe uko umwaka w'imihigo wa 2024-2025 mu bijyanye n'ubukangurambaga kuri gahunda ya EjoHeza wagenze no gufata ingamba zo kubuzamura mu wa 2025-2026.

Muri iyi nama kandi ibigo by'amashuri, ibitaro, amakoperative, inganda n'imirenge byitwaye neza mu bukangurambaga bwa EjoHeza mu mwaka wa 2024-2025 byarashimiwe.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI yashimiye abitwaye neza mu kuzamura ubukangurambaga bwa gahunda ya EjoHeza mu mwaka wa 2024-2025, abasaba kudasubira inyuma muri uyu mwaka wa 2025-2026.



***Visi Meya HABIMANA ashyikiriza ishimwe umwe mu Mirenge witwaye neza muri EjoHeza***



***Meya NIYOMWUNGERI yayoboye inama kuri gahunda ya EjoHeza***



***Visi Meya UWAMARIYA ashimira amashuri yitwaye neza mu bukangurambaga bwa EjoHeza***

# MINISITIRI W'UBUZIMA, DR. NSANZIMANA YASHIMYE UKO IBITARO BY'AKARERE BYA KADUHA BYAKIRA ABABIGANA



***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. NSANZIMA yasuye Ibitaro by'Akarere bya Kaduha***

Ku wa 08 Nzeri 2025, Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin NSANZIMANA akaba n'Imboni y'Akarere ka Nyamagabe, aherekejwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA hamwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yasuye Ibitaro by'Akarere bya Kaduha, ashima uko abakozi n'abaganga babyo bakira ababagana, abasaba kutadohoka.

By'umwihariko yashimye ko mu gihe cy'umwaka wose ushize nta mubyeyi n'umwe watakarije ubuzima muri ibi Bitaro ari kubyara.

Yaragize ati: "Nashimye uburyo mwakira ababagana. Biragaragaza ko mukorana umurava. Ikindi kandi birashimishije kuba hashize umwaka wose nta mubyeyi utakarije ubuzima hano ari kubyara."

Mu rwego rwo kubereka ko yabashimye, mu izina rya Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), Minisitiri NSANZIMANA yemereye abakozi imodoka izajya ibatwara mu kazi.




***Abakozi b'Ibitaro bya Kaduha bashimwe na Minisitiri w'Ubuzima***




***Minisitiri w'Ubuzima yashimye serivisi zitangirwa mu Bitaro by'Akarere bya Kaduha***



***Abakozi b'Ibitaro bya Kaduha bemerewe imodoka na MINISANTE***

# MEYA NIYOMWUNGERI YASABYE ABATURAGE B'UMURENGE WA MBAZI KURUSHAHO KWITABIRA IBIKORWA BY'UBUHINZI MU GIHEMBWE CY'IHINGA 2026A



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage mu Murenge wa Mbazi***

Ku wa 16 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Ngambi, mu Murenge wa Mbazi, asaba abaturage b'uyu Murenge kurushaho kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi mu gihembwe cy'ihinga cya 2026A.

Yaragize ati: "Imvura yatangiye kugwa. Murasabwa kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi kandi mugakora amasaha menshi mu rwego rwo kongera umusaruro."

Yabasabye kandi kwirinda ibiza barushaho kuzirika ibisenga, birinda gucomeka ibyuma by'ikoranabuhanga mu gihe cy'imvura no kwirinda kugama munsi y'ibiti.

Yanabasabye gukomeza kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza kugira ngo bazagire amasaziro meza.

By'umwihariko yasabye abashyizwe ku rutonde rw'abazahuzwa guhuzwa n'amahirwe, kuyabyaza umusaruro mu rwego rwo kwivana mu bukene.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, hakiriwe ibibazo ndetse bihabwa umurongo.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Mbazi kurushaho kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi***

## MU KARERE HABAYE AMAHUGURWA KU ISANAMITIMA, UBUMWE, UBWIYUNGE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA



***Visi Meya yafunguye amahugurwa ku isanamitima, ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda***

Kuva ku wa 17 kugeza ku wa 19 Nzeri 2025, mu Karere habaye amahugurwa agamije kongerera ubushobozi Inzego z'Ibanze mu bikorwa by'isanamitima, ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda yateguwe ku bufatanye bw'Akarere na Prison Fellowship Rwanda.

Atangiza aya mahugurwa, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yibukije abayitabiriye kurushaho kwita no gufasha abagaragaje ibimenyetso by'ibibazo bikomoka ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 birimo ihungabana, barushaho gusigasira ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Aya mahugurwa yasojwe n'igikorwa cyo guhuza abagabo n'abagore bo mu Murenge wa Mbazi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 barangije ibihano n'imiryango y'Abacitse ku Icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, baganirizwa kuri gahunda ya 'Mvura Nkuvure' iteza imbere isanamitima, ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.



***Abitabiriye amahugurwa basabwe kwita ku buzima bwo mu mutwe bw'ugaragaje ibimenyetso bifitanye isano na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

# LODA YASUYE IMISHINGA ITERWA INKUNGA BINYUZE MU KIGEGA PRO-POOR DEVELOPMENT BASKET FUND




***LODA n'abaterankunga basuye imishinga iterwa inkunga na Pro- Poor Development Basket Fund mu Karere***

Ku wa 23 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Madame NYINAWAGAGA Claudine hamwe n'itsinda ry'abaterankunga ryari riturutse muri KWF bari kumwe.

Basuye imishinga y'iterambere iterwa inkunga binyuze mu Kigega kigamije gushyigikira Uturere tw'icyaro kuzamura imibereho myiza y'abaturage (Pro-Poor Development Basket Fund).

Basuye umuyoboro w'amazi wa Remera-Muganza-Kiraro ureshya n'ibilometero 28.7 uri kuvugururwa.

Uyu muyoboro uzageza amazi meza ku baturage 8,688 bo mu Murenge wa Kibilizi.

Basuye kandi inzu y'ababyeyi y'icyerekezo yubatswe mu Kigo Nderabuzima cya Nyamagabe.

Bishimiye uko ibi bikorwaremezo byose bihagaze.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, ni bwo iyi nzu y'ababyeyi ijyanye n'icyerekezo yubatswe.

Yuzuye itwaye asaga gato miliyoni 410 z'amafaranga y'u Rwanda.



***Basuye kandi inzu y'ababyeyi mu Kigo Nderabuzima cya Nyamagabe***



***Basuye umuyoboro w'amazi wa Remera-Muganza-Kiraro***



***Batemberejwe ahatangirwa serivisi zinyuranye muri iyi nzu y'ababyeyi***

# INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YATERANYE ISUZUMA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2025-2026



***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe yasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ya 2025-2026***

Ku wa 26 Nzeri 2025, hateranye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe iyobowe na Perezida wayo, Madame Clotilde UWAMAHORO isuzuma ibirimo ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2025-2026.

Iyi nama kandi yasuzumye raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 26 Kanama 2025.

Mu bindi yasuzumye harimo ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'umwaka wa 2025-2026 n'itangwa ry'amasoko ya Leta.

Yanasuzumye kandi ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 27 Kanama 2025 n'iy'inama idasanzwe yateranye ku wa 26 Kanama 2025.



***Mu bindi iyi nama yasuzumye harimo ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta***

# UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NZERI WIBANZE KU GUTERA IBITI BIVANGWA N'IMYAKA N'IBY'IMBUTO ZIRIBWA



***Meya NIYOMWUNGERI atera avoka mu Muganda Rusange wa Nzeri 2025***

Ku wa 27 Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abahagarariye Inzego z'Umutekano mu Karere hamwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël, yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kitabi mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2025 aho bateye ibiti bivangwa n'imyaka n'iby'imbuto ziribwa kuri site ya Uwabumenyi iherereye mu Kagari ka Kagano.

Kuri iyi site ya Uwabumenyi ifite ubuso bungana na hegitari 10, hatewe ibiti bivangwa n'imyaka ibiti 1853 birimo grevelia 1259, avoka 262, amapera 320 n'ibindi.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Kitabi gutera ibiti byinshi neza kandi bakabirinda.

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere, kwita ku isuku no kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza kugira ngo bazagire amasaziro meza.

Umuyobozi wa Brigade ya 411, Lieutenant Colonel GAHIMA yasabye abaturage ba Kitabi kwirinda kuvogera Pariki ya Nyungwe kuko ari icyanya gikomye.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere, SSP SANO NKERAMUGABA, we yabasabye kwirinda gukora ibyaha no kwirinda kwenga no kunywa inzoga zitemewe kuko uretse kuba zituma bishora mu byaha zinangiza ubuzima bwabo.

Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA we yawukoreye mu Murenge wa Kibilizi, mu gihe Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yawukoreye mu Murenge wa Gasaka, mu Kagari ka Nyabivumu, mu Mudugudu wa Gasharu.



***Site ya Uwabumenyi yateweho ibiti bivangwa n'imyaka n'iby'imbuto ziribwa ifite ubuso bwa hegitari 10***



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage ba Kitabi gutera ibiti byinshi no kubirinda***

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060